REPUBULIKA Y'U RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KWA WERURWE 2021

10 Mata 2021

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

# IGIPIMO CY’IHINDAGURIKA RY’IBICIRO MU KWEZI KWA WERURWE 2021

Ikigo cy’igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy’ihindagurika ry’ibiciro mu kwezi kwa Werurwe 2021. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw’u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

## A. Ibiciro mu mijyi

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 2% mu kwezi gushize kwa Werurwe 2021 ugereranyije na Werurwe 2020.Twakwibutsa ko ihinduka ry’ibiciro mu kwezi kwa kabiri (Gashyantare 2021) ryari ku kigereranyo kingana na 1,6%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 2% mu kwezi kwa Werurwe ni ibiciro by’ibinyobwa bisembuye n’itabi byazamutseho 11,9%, ibiciro by’amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n’ibindi bicanwa byazamutseho 2,2%, ibiciro by’ibijyanye n’ubwikorezi byazamutseho 4,5% n’ibiciro by’uburezi byazamutseho 10,7%.

Iyo ugereranyije Werurwe 2021 na Werurwe 2020, usanga ibiciro by’ibintu bitarimo ibiribwa n’ibikomoka ku ngufu byarazamutseho 3,3%.

Wagereranya ukwezi kwa gatatu (Werurwe 2021) n’ukwezi kwa kabiri (Gashyantare 2021), ibiciro byazamutseho 1,4%. Iri zamuka ahanini ryatewe n’ibiciro by’ibiribwa n’ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 2,9%, ibiciro by’amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n’ibindi bicanwa byazamutseho 0,5%, ibiciro by’ibijyanye n’ubwikorezi byazamutseho 1,1% n’ibiciro by’uburezi byazamutseho 10,6%.

## B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi kwa Werurwe 2021, ibiciro mu byaro byiyongereyeho 1,5% ugereranyije na Werurwe 2020. Twakwibutsa ko ihinduka ry’ibiciro mu byaro mu kwezi kwa kabiri (Gashyantare 2021) ryari ku kigereranyo kingana na 2,7%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 1,5% mu kwezi kwa Werurwe ni ibiciro by’ibinyobwa bisembuye n’itabi byazamutseho 4,9%, ibiciro by’amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n’ibindi bicanwa byazamutseho 2,1% n’ibiciro by’amahoteli na resitora byazamutseho 7,3%.

Ugereranyije ukwezi kwa gatatu (Werurwe 2021) n'ukwezi kwa kabiri (Gashyantare 2021) ibiciro byazamutseho 1,4%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 1,8% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 1,8%.

## C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi kwa Werurwe 2021 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 1,7% ugereranyije na Werurwe 2020. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa kabiri (Gashyantare 2021) ryari ku kigereranyo kingana na 2,2%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 1,7% mu kwezi kwa Werurwe 2021 ni ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byazamutseho 7,2% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 2,1%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa gatatu (Werurwe 2021) n'ukwezi kwa kabiri (Gashyantare 2021) ibiciro byazamutseho 1,4%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 2,1% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 1,2%.

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Werurwe 2020 kugeza muri Werurwe 2021.**

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Werurwe 2020 kugeza muri Werurwe 2021**
*ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije*

| | 2020 | | | | | | | | | | 2021 | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | 03 | 04 | 05 | 06 | 07 | 08 | 09 | 10 | 11 | 12 | 01 | 02 | 03 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi | 8,5 | 8,0 | 9,2 | 9,0 | 9,2 | 8,8 | 8,9 | 7,2 | 4,2 | 3,7 | 2,8 | 1,6 | 2,0 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro | 16,5 | 11,7 | 10,5 | 11,2 | 13,2 | 12,4 | 12,2 | 10,9 | 4,7 | 4,1 | 4,0 | 2,7 | 1,5 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda | 13,1 | 10,1 | 9,9 | 10,3 | 11,5 | 10,9 | 10,8 | 9,3 | 4,5 | 3,9 | 3,5 | 2,2 | 1,7 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi | 1,0 | -0,2 | 2,0 | -0,2 | 0,2 | 0,5 | 1,0 | -0,9 | -1,0 | -0,8 | -0,3 | 0,4 | 1,4 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro | 2,5 | -3,0 | -0,3 | 0,6 | 1,6 | 1,7 | 2,0 | 0,6 | -0,7 | -1,7 | -1,2 | 0,5 | 1,4 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda | 1,9 | -1,8 | 0,7 | 0,2 | 1,0 | 1,2 | 1,6 | 0,0 | -0,8 | -1,3 | -0,8 | 0,5 | 1,4 |

*Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda*

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,

Tel:+250 -788383103  Hot line: 4321

Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Email: info@statistics.gov.rw